



# Nyiramaterefone

Sylvestre Ntabajyana
Marion Drew

Kinyarwanda


African Storybook.org




Yitwa Nyiramaterefone. Mwitegereze se!



Afite terefone eshanu zigendanwa. Uko abyutse ahita atondekanya izo terefone uko ari eshanu ku meza.



Iy'umuhondo ayikoresha mu kuvugana n'abo mu muryango we.



Iy'umweru ayikoresha avugana n'abo bakorana.




Itukura ayikoresha avugana n'abamurimo imyenda.




Iy'ikigina ayikoresha iyo avugana n'inshuti ze z'inkoramutima.



Iy'umuhemba akayikoresha avugana n'abamukeneyeho inkunga.




Nyiraterefone akunda gushimisha abantu. Ntabwo akunda amahane.




Yemererera abana kuza kureba televiziyoku iduka rye.



Akunda gusura abarwayi ndetse n'abakecuru n'abasaza mu ngo zabo.




Aho anyuze hose baririmba izina rye bati, "Nyiramaterefone! Nyiramaterefone!"



Na we akishima avuga ati, "Ndi Nyiramaterefone, nimurebe uburyo terefone zanjye ari nziza!" Nguwo Nyiramaterefone na terefone ze eshanu zigendanwa.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Nyiramaterefone

**Author** - Ursula Nafula
**Translation** - Sylvestre Ntabajyana
**Illustration** - Marion Drew
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - First sentences

© African Storybook Initiative 2015
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org